# KUBABARIRWA N'IMANA

GOSPEL 316

***"Hahirwa uwababariwe ibicumuro bye, Ibyaha bye bigatwikirwa."* Zaburi 32:1**

Ibintu bibi dukora (byitwa ibyaha muri Bibiliya) bidutandukanya n'Imana. Dukeneye kubabarirwa n'Imana kugira ngo tubane neza n'Imana… twitegure ibihe by'iteka ryose. Imbabazi zo muri Bibiliya si ukuvuga ko Imana izirengagiza ibyo byaha kandi igakuraho igihano cy'iteka ryose cy'ibyo byaha. Oya, igihano kigomba kwishyurwa. Inkuru nziza (Ubutumwa bwiza) ni uko Yesu [Imana idacumura kandi yahindutse umuntu] yakwishyuriye icyo gihano ubwo yamenaga amaraso kandi igapfa ku musaraba. Mu yandi magambo, yagiye mu cyimbo cyawe. Yesu yahindutse igitambo cyawe. Ariko ibyo ntibihagije. Icyo kiguzi kigomba kurihwa … ukacyishyurirwa. Ikibazo cy'ingenzi ni iki, ibyo bibaho gute? Bibaho igihe wihannye (ugahindukirira Imana ukava mu byaha) kandi ukizera Yesu. Icyo gihe, ni bwo uba ubabariwe n'Imana.

## *IKIBAZO CYACU … GUTANDUKANA*

*"Kuko bose bakoze ibyaha, ntibashyikīra ubwiza bw'Imana."* Abaroma 3:23

*"Ahubwo gukiranirwa kwanyu ni ko kwabatandukanije n'Imana yanyu, n'ibyaha byanyu ni byo biyitera kubima amaso ikanga no kumva."* Yesaya 59:2

*"Hagati y'umuriro waka, ahōre inzigo abatamenye Imana n'abatumvira ubutumwa bwiza bw'Umwami wacu Yesu. Bazahanwa igihano kibakwiriye ari cyo kurimbuka kw'iteka ryose, bakohērwa ngo bave imbere y'Umwami no mu bwiza bw'imbaraga ze."* 2 Abatesalonike 1:8-9

*"Ntimuzi yuko twese ababatirijwe muri Yesu Kristo, twabatirijwe no mu rupfu rwe?"* Abaroma 6:3

*"Tukiri abanyantegenke, mu gihe gikwiriye Kristo yapfiriye abanyabyaha."* Abaroma 5:6

## *IGISUBIZO CY'IMANA … UMUSIMBURA*

*"Kuko Imana yakunze abari mu isi cyane, byatumye itanga Umwana wayo w'ikinege kugira ngo umwizera wese atarimbuka, ahubwo ahabwe ubugingo buhoraho."* Yohana 3:16

*"Muri iki ni mo urukundo ruri: si uko twebwe twakunze Imana ahubwo ni uko Imana ari yo yadukunze, igatuma Umwana wayo kuba impongano* [igitambo gikwiriye] *y'ibyaha byacu."* 1 Yohana 4:10

*"Ariko Imana yerekanye urukundo rwayo idukunda, ubwo Kristo yadupfiraga tukiri abanyabyaha."* Abaroma 5:8

*"Ubwe yikoreye ibyaha byacu mu mubiri we abibambanwa ku giti, kugira ngo dupfe ku byaha duhereko tubeho ku gukiranuka. Imibyimba ye ni yo yabakijije."* 1 Petero 2:24

*"Icyakora abamwemeye bose bakizera izina rye* [Yesu], *yabahaye ubushobozi bwo kuba abana b'Imana."* Yohana 1:12

## *INZIRA YAWE YO KUBABARIRWA … KWIZERA YESU*

*"Abahanuzi bose baramuhamije* [Yesu], *bavuga yuko umwizera wese azababarirwa ibyaha ku bw'izina rye"* Ibyakozwe n'Intumwa 10:43.*"Mwakijijwe n'ubuntu ku bwo kwizera, ntibyavuye kuri mwe ahubwo ni impano y'Imana. Ntibyavuye no ku mirimo kugira ngo hatagira umuntu wirarira"* Abefeso 2:8-9. Ushobora kwizera Yesu (atari ukwizera ibye) wihana … ni ukuvuga, guhindukira ukizera Yesu. Iri sengesho ni uburyo bwagufasha kubikora. Si indahiro cyangwa umuhango. Risenge niba ari cyo cyifuzo kiri mu mutima wawe koko.

**Mana nziza,**
**Ndatura ubukene bwanjye ... ndi umunyabyaha.**
**Ndihannye ... Ndaguhindukiriye kandi ndetse ibyaha.**
**Nizeye Yesu ... ko ari Imana, yapfuye ku musaraba azize njyewe.**
**Ndamwakiriye ngo ambere Umukiza.**
**Amina**

Yesu yishyuye igihano cy'ibyaha byawe. Kandi ku bwo kwizera Yesu, ikiguzi yarishye nawe waracyishyuriwe. Imana yakubabariye. Kandi Yesu yavuze ko ukijijwe by'iteka ryose, Yohana 3:16.

KINYARWANDA

***"Hahirwa uwababariwe ibicumuro bye, Ibyaha bye bigatwikirwa."* Zaburi 32:1**

Inyandiko zitangirwa ubuntu z'isomo *Kubabarirwa n'Imana* zo mu ndimi nyinshi ziboneka kuri Gospel316.org.

**Niba wasezenze by'ukuri iryo sengesho,** wababariwe n'Imana kandi wakijijwe na Yo by'iteka ryose. Igitambo cya Yesu wagupfiriye cyaguhesheje kubabarirwa. Imana yasezeranye ko ufite ubugingo buhoraho nk'impano wamaze guhabwa ... kandi ko utazacirwa urubanza ... ndetse ko wavuye mu rupfu ukinjira mu bugingo, Yohana 5:24. Urarinzwe kuko ntawe ushobora kukuvuvunura mu kuboko kwayo gukomeye. Ni iyo igufashe kuruta uko uyifasheho. Yesu yaravuze ngo, *"Nziha ubugingo buhoraho, kandi ntizizarimbuka na hato iteka ryose, kandi nta wuzazivuvunura mu kuboko kwanjye. Data wazimpaye aruta bose, nta wubasha kuzivuvunura mu kuboko kwa Data"* Yohana 10:28-29.

**Niba utari witeguye kuvuga iryo sengesho,** ubigire iby'ibanze. Icyemezo ufata ni ingenzi kandi kigira ingaruka mu buzima bw'iteka. Nyuma y'urupfu nta yandi mahirwe ya kabiri ahari, *"Kandi nk'uko abantu bagenewe gupfa rimwe hanyuma yaho hakaza urubanza"* Abaheburayo 9:27. Niba ufite ibibazo utarasubizwa bikubuza gufata icyemezo, vugisha uwaguhaye iri somo.

## Amashusho n'Ibisobanuro

**Imbabazi.**
Imbabazi. Imbabazi zo muri Bibiliya zisaba kwishyura igihano cy'ibyaha byacu. Igihano cy'ibyaha ni ugutandukana n'Imana iteka ryose. Imbabazi zo muri Bibiliya ni ugukurwaho ibyaha n'igihano byari kuri wowe bigashyirwa kuri Yesu. Imana yashyize ibyaha byacu n'igihano cyabyo kuri Yesu utaracumuye. Hanyuma Imana iduha gukiranuka kwayo. Ni nk'uko hari ibitabo bibiri mu ijuru. Icya mbere, kikaba ari igitabo cyawe, kiriho ikimenyetso ku kibi cyose wakoze. Amapaji yacyo yuzuyemo ibimenyetso. Bibiliya ibivuga neza ko ibyo dukora ari ibyaha (ibyaha bigaragarira mu bikorwa) n'ibyo tudakora (ibyaha bitagaragarira mu bikorwa). N'ibitekerezo bishobora kuba ibyaha. Ibyaha bitatu ku munsi bingana n'ibyaha 1,000 bya buri mwaka. Mu buzima bwose bw'umuntu, ni ibyaha byinshi cyane. Ikindi gitabo ni icya Yesu utaracumuye. Amapaji yacyo ntacyo yanditseho kandi ntariho ikizinga. Iyo wizeye Yesu, ni nk'aho ibifuniko by'ibyo bitabo byombi kimwe gihinduka ikindi. Hanyuma igitabo cyanditseho izina ryawe kigahinduka igitunganye. Ibyaha byawe n'igihano cyabyo bikaba bigakurwaho.

**Igisubizo Nyacyo.**
Yesu aramubwira ati *"Ni jye nzira n'ukuri n'ubugingo: nta wujya kwa Data ntamujyanye"* Yohana 14:6. Igisubizo cyo muri Bibiliya kivuga ku cyaha cyadutandukanije n'Imana kirihariye. Ayandi madini adusaba gutumbira ubuzima bw'iteka dufite ibyaha kandi twiringira ko imana izirengagiza ibyo byaha byacu. Uburyo bwa Yesu burihariye kuko buduhesha kubabarirwa ibyaha byacu … bukatweza. Hanyuma tugatumbira Imana n'ubuzima bw'iteka ryose tumaze guhanagurwa ibyaha byacu kuko byashyizwe kuri Yesu. Intumwa Petero yaravuze ngo, *"Kandi nta wundi agakiza kabonerwamo, kuko ari nta rindi zina munsi y'ijuru ryahawe abantu, dukwiriye gukirizwamo"* Ibyakozwe n'Intumwa 4:12. Intumwa Pawulo yaranditse ngo, *"Kuko hariho Imana imwe, kandi hariho Umuhuza umwe w'Imana n'abantu, na we ni umuntu, ari we Yesu Kristo witangiye kuba incungu ya bose. Ibyo byahamijwe mu gihe cyabyo"* 1 Timoteyo 2:5-6. Inzira ya Yesu ni cyo gisubizo kizima.

**Kwizera Yesu.**
Kwizera Yesu birenze *kwizera iberekeye* Yesu. Tekereza uri umugenzi mu ndege iri kugendera hejuru cyane y'imisozi maze moteri yayo igapfa mu buryo butunguranye. Indege ikamanuka hasi biteye ubwoba. Utwaye indege agategeka buri muntu gufata umutaka agasohoka anyuze mu muryango ukinguye. Uzi iby'abamanukira mu mitaka. Warababonye kuri televiziyo. Ariko ubu biratandukanye. Gusohokera muri uwo muryango ukinguye bisaba ibirenze *kwizera ibyerekeye* umutaka … bisaba *kwizera* umutaka. Kandi ibikabu bimwe by'abazamuka imisozi ntibikora. Kurokoka kwawe bisaba umutaka mwiza … gusohoka utawufite ni urupfu ntakabuza. Gusohoka mu mutaka bisaba kwizera 100%. Ushobora gushidikanya … ariko kurokoka bisaba kwiringira umutaka. Yesu ni we mutaka nyakuri w'iteka ryose. Sohoka mu kwizera. Mwizere.

**Amabwiriza yo gusohora iri somo ku mpapuro.** Tugira inama yo gusohora iri somo ku rupapuro rumwe rwanditseho imbere n'inyuma. Rusohore rwanditse mu mabara cyangwa rutanditse mu mabara.

---

*Kubabarirwa n'Imana* © 2024 ni igitabo cyasohowe na "Acts One Eight" kandi kiboneka kuri www.Gospel316.org. Ushobora kugisohora ku buntu, gukora kopi yacyo, kugitangaza, cyangwa kongera kucyandika udahinduye aya magambo agikubiyemo. Ariko, ushobora kongeraho izina cyangwa ikirangantego by'umuryango wawe w'ivugabutumwa cyangwa by'itorero ryawe. "Acts One Eight" ishingiye kuri Bibiliya gusa. Ibereyeho gufasha abantu kwizera Yesu Kristo no gukura bagahinduka abigishwa Be. Ibikorwa byo gusemura iri somo mu zindi ndimi zitari Icyongereza bikorwa na www.ChristianLingua.com. Imirongo ya Bibiliya yakoreshejwe mu ngeri y'Icyongereza yakuwe muri Bibiliya "The New American Standard Bible" (NASB). Imirongo ya Bibiliya yakoreshejwe mu ngeri y'Ikinyarwanda yakuwe muri "BIBILIYA YERA (BY)".